



IGIHANGO CY'ABATURAGE BAHARANIRA DEMOKARASI
CHAMA CHA WANANCHI WANAOTETEA DEMUKRASIA
PACTE DEMOCRATIQUE DU PEUPLE



ISHYAKA PDP-IMANZI RISHYIGIKIYE BYIMAZEYO ICYEMEZO CY'ISHYAKA ISHEMA RY'U RWANDA CYO KUJYA GUKORERA POLITIKI MU RWANDA.

Kuri uyu wa gatatu taliki ya 23 Ugushyungu 2016, Ishyaka ISHEMA ry'u Rwanda ritavugaga rumwe n'ubutegetsi bw'i Kigali ryakoreraga mu buhungiro kuva ryashingwa rizajya gukorera politiki mu Rwanda, ahafungiyemo abanyapolitiki batavugaga rumwe na Leta y'u Rwanda, barimo Madame Victoire INGABIRE, Umuyobozi w'ishyaka FDU-Inkingi, Bwana Deogratias MUSHAYIDI, Umuyobozi w'ishyaka PDP-Imanzi, Dogiteri Théoneste NIYITEGEKA washatse kwiyamamaza ku mwanya wa Perezida wa Repubulika mu mwaka w'2003 n'abandi benshi bazira ibitekerezo byabo.

Nk'uko amashyaka FDU-Inkingi muri 2010 na PDP-Imanzi muri 2013 yafashe icyemezo cyo kujya gukorera mu Rwanda asanga PS-Imberakuri yahashingiwe, icyemezo cyo kujya gukorera politiki mu Rwanda cy'ishyaka ISHEMA ry'u Rwanda kirashimangira ubushake budasubirwaho bw'iri shyaka bwo kwegera Abanyarwanda kugira ngo ribasobanurire umushinga wa politiki ryabateguriye, ryise : « Kunga abenegihugu kugira ngo bafatanye kwiyubakira u Rwanda rujya mbere ».

Ishyaka PDP-Imanzi rirashima by'umwihariko ubutwari n'ubwitange bikomeye bya Bwana Padiri Thomas NAHIMANA, Umuyobozi w'ishyaka ISHEMA ry'u Rwanda na bagenzi be bazafatanyaga urugendo rwo kujya gukorera politiki mu Rwanda. Rirabasaba kutazatira igihango bijeje Abanyarwanda kandi ribijeje inkunga yaryo iyo ariyo yose.

N'ubwo ubutegetsi bw'i Kigali bukomeje kubuza abanegihugu ubwinyagamburiro no kugaragaza icyo batekereza ku miyoborere y'igihugu cyabo, Ishyaka PDP-Imanzi ryemera ko uburyo bubonye bwo gufasha Abanyarwanda bugarijwe n'akarengane ari ukubegera mugafatanyaga guharanira ko u Rwanda ruba igihugu cyubahiriza amategeko n'uburenganzira bw'ibanze bwa buri wese.

Ishyaka PDP-Imanzi rirasaba abayoboze baryo bari mu Rwanda kimwe n'Abanyarwanda bose kuzakirana urugwiro Bwana Padiri Thomas NAHIMANA na bagenzi be, bagafatanyaga kubaka u Rwanda mu mahoro, bashyize imbere ubwisanzure, ukuri, ubutabera n'ubworoherane.

Bikorewe i Buruseli mu Bubiligi ku wa 20 Ugushyungu 2016

Jean-Damascène MUNYAMPETA

Umunyamabanga mukuru w'ishyaka PDP-Imanzi